# Ni nzu ki uzanyubakira?

Tucson, Arizona USA

65-1121

1 Urakoze Mwenedata Green. N'ibyagaciro Intashyo kuri Mwenedata na Mushikiwacu Green, n'abari hano bose mur'iki gitondo. Kandi ni ibyigiciro kuba nunva nahawe, kuza aha hantu ho kuramya,kugira ibyo ntangaza

Sinkeneye hano gufata umwanya wa Mwenedata Green, kuko namwunvise avuga inshuro nyinshi, kandi ndahamya ko byankozeho, kandi ubwo yatuzaniraga Ijambo ry'Uwiteka kandi aciye bugufi kubwibyo Ejo hashize yaravuze " Ntabwo nkura Ijambo kuri Nyagasani nkuko ryakabaye rije muguhishurirwa, nkuko-nkuko ryoherejwe, gusa " avuga" Nkunda gushimangira kubyavuzweho. Yaravuze, " Nkuko igihe Paulo haribyo yanditse muro Bibiliya, nza hano gushimangira kubyo yavuze. Avuga," Nta butumwa nfite, gusa nugushimangira kubyavuzweho bivuye kuri Nyagasani ubu byari bihebuje cyane, umuhungu muto kurya ,kandi vuga , gukora ibihebuje nkabiriya

Ubu reka dusengere hamwe

2 Mana nziza, birankomereye kumenya aho mpera, kubwo nunva Uri hano uyu munsi , kandi Mubuntu bwawe duhora twunva turi bato Kandi nda-ndagushimiye kubwubu burenganzira Noneho Nyagasani, kuba Waratugeneye aha hantu, turasenze kugirango Uterane hamwe natwe igihe cyose duteraniye hano Kandi Umwuka wawe ukomeye ugende hejuru y'umujyi Tubashe gushobora kuzana Ubutumwa bw'Inkuru nziza twahawe ndetse tukanabushyikirizwa muntoki zacu muri iyi minsi yanyuma, bubashe gusohoza, kandi Ufate buri bugingo bwose muri Tucson nimpande zitandukanye, kubo Wasezeranyishe ubugingo Tuguhaye ibi bintu,Data , mw'Izina rya Yesu Kristo Amina.

3 Ndatekereza nshaka gusoma umurongo mubyanditswe hano muri iki gitondo,mbere yuko nvuga ano magambo nifuza kuvuga. Biboneka mu Byakozwe n'Intumwa, igice cya karindwi mu Gitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa Kandi mugihe muri kuharambura,turi buhere k'umurongo wa 44

Ubu turajya Shreveport iki cyumweru, iki cyumweru kiza, kubw'uruhererekane rw'amateraniro , ubu tugiye kugerageza niba ari ubushake bw'Uwiteka. Mwendedata Moore, Mwenedata Jack Moore, inshuti nziza cyane ya twembi mwemedata Pearry nanjye,kandi dukunda Mwenedata Jack. Ubutumwa, Ndatekereza bimuyoberamo gake, cyane cyanekubintu tubika k'umutima kandi twizera ko-ko byatujeho mukumenwa kw'Ibimenyetso Birindwi, nk'urugero "akabuto k'inzoka" na "Umutekano uhoraho wabizera" ni-n'ibindi n'ibindi, bumwe muri ubwo butumwa. Wenda kuri bamwe..... Turatekereza ibi bikomeye, gusa ugomba gufungurira umutima wawe k'Ukuri. Twizera ko turi mubihe byanyuma. Ni ukuri kuri twebwe kuba turi kumusozo w'inzira.

4 Kandi mukubwiriza murusengero rwundi muntu,urunva ko ukwiye kubaha kwakirwa nawe kubwo kuguha uwo umwanya wo kuza murusengero rwe. Kandi nzi neza ko batabyizera, kandi nabubahira bihagije.... Hari byinshi nabivugaho, bitari ukubivuga gusa;keretse ari Umwuka Wera ushatse kugira icyo abikoraho, ntureba,ubwo nabivuga nkuko Abivuze Kandi ntacyo nzi neza nko kubikora, kandi ndizera ntakindi nzigera menya nko kubikora Ntureba? Reka gusa tubivuge nkuko Abivuga.

5 None reka dusome umurongo umwe cyangwa ibiri mugice cya 7 mu gitabo Cy'Ibyakozwe n'Intumwa, guhera kumurongo wa 44.

> *Ba sogokuruza bari bafite ihema ry'ubuhamya bari mu butayu nk'uko Iyavuganye na Mose yamutegetse kurirema, arishushanyije n'icyitegererezo cy'iryo yabonye.*
>
> *Iryo ba sogokuruza barihahwe na ba se riba uruhererekane barizana Yesu abagiye imbere ubwo batsindaga amahanga, ayo Imana yirukanaga imbere yabo kugeza mu gihe cya Dawidi.*
>
> *Wari utonnye imbere y'Imana, asaba kubakira Imana ya Yakobo ubuturo.*
>
> *Ariko Salomo ni we wayubakiye inzu*
>
> *Nyamara Isumbabyose ntiba mu mazu yubatswe n'amaboko, nk'uko wa muhanzi yavuze ati,*
>
> *Ijuru ni ryo ntebe yanjye,.... isi ni yo ntebe y'ibirenge byanjye:muzanyubakira nzu ki: niko Uwiteka ababaza:cyangwa nzaruhukira hantu ki?*
>
> *Mbese intoki zanjye si zo zaremye ibyo byose?*

6 Hejuru yibi, gusomwa kw'ibyanditswe, Ndashaka kuvuga amagambo macye nshaka kuvuga mbere y'uko Mwenedata Pearry azana ubutumwa bw'igitondo.

Nabonye uno ari umwe mumwanya mwiza mugusura kwanye Tucson. Naje hano kubera ko nayobowe kuza hano. Naje hano kubera ko Umwuka Wera, biciye mwiyerekwa wanyohereje hano. Nzi ko bishobora

kugaragara nkibidasanzwe,ndakeka. Gusa, kubyo nzi, ikintu cyose nzi kw'Imana, noherejwe n'iyerekwa muri Tucson. Nibajije impanvu noherejwe aha hantu h'ubutayu. Noneho hano hari...

Muburyo bw'umwuka, muri uno mujyi, ntahandi hantu nzi hapfuye muburyo bw'umwuka nk'umujyi wa Tucson. Hari intambara hagati y'insengero. Hari uguhangana hagati y'amatorero. Ntabumwe,buri wese ari gufata,no kugundira , no guhombanya no gushaka gufata uyu n'uyu ngo babagire abayoboke. No muburyo bw'umwuka naho ni mubutayu.

7 Gusa nasomye muri Bibiliya, aho Imana yahamagaye Mose agasiga benewabo ndetse n'imitngo ye yose,hanyuma ikamwohereza mubutayu kwandika Amategeko ya Bibiliya. Byari Isezerano rya Kera, ibitabo bine bya mbere,Itangiriro,Abalewi,no Gutegeka kwa Kabiri,Kuva. We.. sinabivuze mbikurikiranyije, gusa nibyo bitabo bine. Muby'ukuri niryo Sezerano rya Kera. Kuko ibindi ibisigaye n'ibyo abahanuzi bavuze,muri Zaburi ya Dawidi,n'ibindi n'ibindi gusa Ibyo ku Ngoma y'abami. Gusa ibi byari byo shingiro ry'Isezerano rya Kera. Ni Mose wayanditse nyuma yo guhamagarirwa kuva mugihugu cye aho yari yaravukiye ndetse akanahakurira hagati y'abantu be hanyuma akoherezwa mubutayu kwandika iki gitabo cy'Isezerano rya Kera.

8 Hanyuma nabonye mugitabo cy'Isezerano Rishya, aho Pawulo, ariwe mwanditsi mukuru, oya s'umwanditsi mukuru, gusa n'umwanditsi w'Isezerano Rishya. Nawe yakuwe mubantu be n'Umwuka, umujyana muri Arabia, aho yabaye imyaka itatu n'igice ashaka guhumekerwamo n'Umwuka w'Imana. Kandi Pawulo niwe mwanditsi mukuru w'Isezerano Rishya. None hari Matayo,Luka na Yohana, gusa bari abanditsi basanzwe banditse ibyo Yesu yavuze igihe babaga bamukurikiye. Kandi nufata Igitabo cya Timoteyo,ndetse nijy'Abaroma n'Abaheburayo , n'ibindi n'ibindi, Pawulo yahumetswemo n'Imana mukwandika Isezerano Rishya; afata Isezerano rya Kera nkigicucucucu, hanyuma akabishyira byose k'umurongo. Nuko Imana irabyubaha, kandi ibigira Isezerano Rishya.

9 Noneho niba Isezerano Rya kera ryarakuwe muri ... niba umwanditsi yaragombye gukurwa mubantu be akajyanwa mubutayu kujya guhumekerwamo n'Imana kugirango yandike Isezerano Rishya. Kandi mw'Isezerano Rishya, umwanditsi yarajyankwe n'Umwanditsi mukuru ahantu h'ubutayu kujya guhumekerwamo n'Imana kugirango yandike Isezerano Rishya. Kandi Ibitabo byari bifunzwe n'Ibimenyetso Birindwi;ndizera ko muri ino minsi bizamera kimwe mukumera ibyo Bimenyetso Birindwi. Gusiga ibigushimisha,iby'ukunda, n'inzu ntoya nahawe n'abantu ndetse hagati y'abantu banjye n'incuti n'urusengero rumeze neza kandi ntacyo mbura kugirango mpave kandi mukahava mukimuka mubutayo aho ntawe uzi, ibintu byose bigukomereye.

Gusa hari ikintu ku byerekeye Imana,iyobora umuntu mugukora ibintu birenze imitekerereze ye,kugirango bibe ubwiza n'icyubahiro by'Imana. Kandi ndunva,ntago ari ukwihesha icyubahiro,gusa ndundumva ari ibyigiciro gusiga ibintu byose byitwaga ko bifite agaciro kuri njye,kugirango nze hano mu butayu kandi mpangayike kurusha uko nahangayitse mubuzima bwanjye, hano mu butayu cyangwa se mu gasozi. Gusa ndizera ko mukubikora ndetse no kubaha ibyo Imana yategetse kugirango bikorwe,Imana yadufunguriye ubwiru bwo mugihe cya nyuma. None turi hano hamwe nubu butumwa.

10 None,hari abantu benshi bankurikiye,kandi ntibisanzwe. Ubusanzwe umuntu twe... abantu turakundana kandi urukundo rukakuyobora gukora ibyo utigeze utekereza kuba wakora. None benshi muri mwe mwasize inzu zanyu, mwasize byose, kugirango mugende gusa,muza hano mu butayu.

Benshi bampamagaye,benshi bambajije,"Twaza muri Arizona? Haba ari ahantu hazatubera heza?" Urebye,nkuko byari byavuzwe kubyerekeye Mose hamwe n'abandi, ko hari ahantu hataba imbuto, ahantu hataba pomegranate(urubuto ruza umutuku)

Hano nta mirimo myinshi ihari yo gukora, kubaho biri hejuru, ubuzima burahenze. Mubyukuri Tucson,Arizona ni ahantu hagoye kuba;imishahara iri hasi kandi-kandi ibiribwa n'ubukode birahenze. Ni ahantu hatoroshye kuba, muri ubwo buryo. Gusa hameze neza,harumye. Kandi rimwe na rimwe... ntitugomba kushyira ibitekerezo byacu ku bintu byino si.

11 Tugomba kureba ku kuyoborwa k'Umwuka Wera. Gusa hari ikintu cyangoye mu kuza hano ndetse no kubwira abantu, urebye " ntimushobora kuza" cyangwa "mushobora kuza" ibyo mbirekeye buri muntu, uko Imana izamuyobora kubikora. Ndatekereza buri umwe muri twe yagombye kubikora,kuyoborwa n'Umwuka kubyo gukora.

Kandi benshi muri mwe hano muva mu nkengero za Jeffersonville ndetse no mw'iteraniro ryaho, none mwaje hano. None ikintu cyambujije amahwemo cyari ukobona ahantu ho kuramiriza

Kandi naje gusanga, igihe nasomaga ibyanditswe hano kuri Sitefano no kubyo yavuze mbere neza y'urupfu rwe; bamuteye amabuye ako kanya nyuma yaho, kubw'ubutumwa bwe. Ubwo yavugaga, yaravuze"ba data" yavugaga aba Heburayo bo hambere, uburyo bagerageje kugirirwa ubuntu imbere y'Imana kugirango bubake ahantu ho gusengera. Yaravuze ati, "Salomoni yubakiye Imana inzu cyangwa se inyubako." Ni inkuru tumenyereye.

12 Gusa nkunda amagambo ye akurikira,"Nyamara Isumbabyose ntiba mu mazu yubatswe n'amaboko," kandi ahandi hano muri yesaya. Aravuga ati,"" Umubiri wanteguriye; urabona,ibitambo by'ibyaha n'ibitambo bitokeje,n'inyubako, n'ibindi n'ibindi ahubwo umubiri wanteguriye."" Ubwo rero, tumenye ko yavugaga iby'umubiri aho Imana yagize ubuturo,muri Kristo.

Gusa ndizera uyu munsi, ko imitekerereze yaje kuri-kuri Mwene Data Green,kwimukira hano,we na Mushiki wacu Green,nabo basize ahantu habo hariya iburasirazuba,ndetse no muri Texas, kugirango baze hano batangirira k'ubusa.ari imitekerereze gusa,bunvako gusa aribyo bagomba gukora. Ndashima abantu bakurikira kuyoborwa kwa Kristo, batitaye kukiguzi bibatwara.

13 Nubwo abantu bose, wenda inshuti nziza zawe,batekereza ko wibeshya gusa kuri wowe atari ukwibeshya. Igihe cyose wunva hari ikintu kibiri inyuma,n'Imana iri kugusunika;ntibyigeze biba ukwibeshya,kandi bizahora bikugarikira neza.

Murabona uyu mugabo n'umugore(bamaranye igihe gito),umusore muto ufite impano. Simbivuze kuko yicaye hano. Kandi uno mugore muto hamwe n'abana be,hamwe n'umuryango wo kurera, kandi yaretse akazi ke n'ibindi byose kugirango yimukire inaha.

Nasanze imyaka ishize narahagawe mu bukozi. Sinigeze mbirwa no kuba umushumba,kubera ko nfite umwuka wo gukora ingendo ukora unsunika aha n'aha. Ntahantu na hamwe nshobora kunyurwa. Ahariho hose Umwuka ugiye,ngomba kujyana nawo,kuko nfite Ubutumwa. Yesu yaravuze ati, " ngomba kubwiriza muwundi murwa naho"

14 Gusa hari abari abungeri bakurikirana umukumbi. Ndanyuzwe cyane kuba Mwene Data Pearry yarakurikiye Kuyobora n'Umwuka Wera, none uyu munsi dufite urusemgero. Ni rutoya. Ni byiza bihagije byo gutangiriraho,kubona ibyo Umwuka Wera... utaruziko,reka gusa tugende intambwe kuyindi. Ubu ndizera, niba Imana yarabwiye mwene Data na mushiki wacu Green, kuza hano, kandi ikaba yaranafunguye aho abana bacu; aho kuba ku Cyumeru mugitondo banyonga amagare yabo kumihanda kandi birukanka ahantu hose, bafite ahantu ho kuza kuramya, aho kuba twe twicaye ahongaho twunva ibintu twunvise kuri radio, gusa ntago ari bibi.

15 Ahubwo twe ,nk'itsinda ry'abantu, dufite Ubutumwa bwuyu munsi. Twe,twe twizera ko Imana yaduhaye Ubutumwa. Kandi mwe Data Green, ni, sinshaka kumwita umuntu dukorana, kuko turi...urebye nawe ni umuntu dukorana, turi hamwe muri ubu butumwa. Mwene Data Green abwiriza ibintu bimwe n'Ubutumwa nizera. Yasize inzu ye,yasize abantu be,yasize urusengero rwe. Yari,ndizera, yari umuyobozi mu karere cyangwa ibindi nkibyo bigo bikuru.hanyuma arabita byose ubwo yunvaga ibi. Yataye ibyari ibyagaciro kuri we ,nawe , kugirango aze mu butayu,kugirango ashyigikire ibyo Imana iri kuduha ubungubu.

16 Ndavuze ndizera ntibigomba kuba ku mitima yacu gusa,bigomba kuba akazi kacu kumushyigikira,mubyo dushoboye,kwitabira amateraniro,kuza hano kuramya ndetse no gukora hano hano ahantu Imana yaduhishurira ibintu idufitiye byo kuduhishurira. Kandi nkuko yabivuze" Ubutumwa ntago bunzaho mumitekerereze nkuko bigendekera bamwe muri twe,ahubwo,yavuze,"ndi hano gushyigikira ibyo Imana yatanze." Mbega ibyo yavuze! Kandi ndizera, niba twese twakorera hamwe tukabishyiraho imitima yacu.

17 Nziko buri umwe muri mwe,niba uri kwiyunvira kimwe nka njye,Ndashonje cyane kubona Umwuka w'Imana ugendagenda,birankomereye kubyihanganira. Ubunararibonye naboneye hejuru ku musozi,kongera gusa kubyiyunvamo rimwe nanone,icyo kintu cyari kiza ku mutima wanjye ubwo nakizwaga bwa mbere. Kandi dushobora kujya ahantu,dushobora kwicara kandi tukakibona hagati yacu,ko twumye. Nkuko twicaye hano mu butayu,njya muri bene Data,baranvugisha nanjye nkabavugisha;buri gihe,muburyo buto bwo kwitegereza,kunviriza hamwe n'Umwuka nkuko wari uri, kugirango gusa ndebe uruhagarariro rwa mwene Data,kugirango ndebe ikidagenda. Ntangira kunva twese turi kugwa, kwitandukanya n'Umwuka. Biri kumera nkibisanzwe kuri twebwe. Tugomba kuramya m'Umwuka,aho Umwuka w'Imana... Ntago ari Ubutumwa bwacu bugomba kuba ikibatsi cy'igihe gusa,bugomba kuba ikibatsi mu mitima yacu. Ntureba? Bugomba kuba mu mitima yacu, atar'ibyo ntidushobora-ntidushobora kubwereka abantu nkuko bikwiriye. Ni Umwuka wonyine ugomba kujyana Ubutumwa. Ndizera kandi nfitiye ikizera buri umwe muri mwe ko ari Umukirisito nyawe.

18 Ubu bakeneye abalimu b'ishuri ryo Kucyumweru. Bagiye gukenera abayobozi. Kandi ndashaka kuvuga ibi kugirango muzambyunve neza. Uru ni urusengero rwanjye.

Maze imyaka itatu hano. Umuryango umwe niwe wanfunguriwe, yari MweneData Mack wansabye kuza kubwiriza. Imana imuhe umugisha. Ntawundi wari wantumira; ntacyo mbashinja,bameze neza. MweneData Brock, inshuti nziza yanjye,MweneData Gilmore, benshi muri aba BeneData b'abapantekote hano ni inshiti nziza,nziza zanjye. Ndabakunda; ntacyo mbashinja. Nzi umwanya wabo. Ntibantumirayo, kandi ngo banasigare mumadini yabo. Ntureba, ntibabikora. Kuberako, nibabikora,barirukanywa. Ubwo rero urabona umwanya wabo. Nahuye nibimeze kimwe. Gusa, bikomeze kuba, "Mubanze mushake ubwami

bw'Imana," ubushake bw'Imana.

19 Noneho ubwo, MweneData Green, Imana yamwohereje inaha kudufungurira urusengero rw'ukwizera kwigiciro nkuko twizera.tugomba kunyurwa ku Imana, kandi tukitabira buri teraniro,gufata umwanya wose dushoboye. Niba duhamagariwe, gusenga,gushaka,kugira icyo dukora, reka tube abasirikare nkako ka.... twihutire kubikora. Ntureba?

Murinde Ubutumwa muburyo bw'icyubahiro, kandi mubeho ubuzima butunganye. Ntimutume hagira ikibwanduza. Turi kubaho mugihe gitinda cyane. Twara- twarakerewe mu gihe. Reka tukibemo gitunganye. Rero, ubuzima bwanjye,ubuzima bwawe, ubuzima bwacu bwose bukeneye kwegerezwa imbere y'Imana.

Urubyiruko rwacu rwirirwa rugenda genda ahaantu ,rujya mu bitaramo rukitandukanya kure cyane n'Imana. Sibyo. None, uko ni ukuri. Mbibona mubana banjye, kandi nibona ubwanjye ngera ahantu hatari.. ni ngombwa ko duterana hamwe tukaramya Imana; Bibiliya irabivuga,‟ nitubona uyu munsi wegereje, turusheho kwegerana. Niba hari abantu babiri gusa, ubu umwe muri bo. Ubu ibyo ni....kandi niba tuziye hamwe tukaramiriza hamwe,muri make, ikindi kintu kuri byo,Yesu yaravuze ati, " Aho babiri cyangwa batatu bateranye mu Izina ryanjye nanjye mba ndi hagati yabo‟

20 None nkuko nabivuze mbere, MweneData Green yambwiye, kandi yabivuze. Umugore wanjye yaje kumbwira ibyo yavuze igihe ntarimpari. Ko yavuze muri iki gitondo ko, ‟ Aho ahantu ho kubwiriza hafunguye igihe cyose." None ubundi.... haranfunguriwe kugirango mbwirize.

Ubundi , ngomba gutwara imodoka kugera Jeffersonville, Indiana, kugirango ntange Ubutumwa Imana yampaye, mbushyikirize abantu; kugenda kugera Jeffersonville, Indiana, bamwe muri mwe muzenguruka igihugu kandi mukoresha imirongo ya telephone kugirango mubona Ubutumwa kubera ko aribyo tuberaho. Ntureba, niyo mpanvu turi hano. Ubwo rero, ntago tuzongera kubikora ukundi.

21 Imana impaye Ubutumwa, nshobora kuza hano tubwiriza hanyuma nkabubwiriza, kandi nkunva ntuje mukubikora. nibyo. Kandi ndizera , kubwibyo ko Imana Nyirubushobozi kuzabaha umugisha niba muzashyigikira uru rusengero ubu, iri tsinda ry'abantu. Atari ibyo gusa, ahubwo reka tujye hanze turebe niba twatuma nabandi baza. Murabona, reka tuvugane nabandi ahari ho hose, tubabwire ibyerekeye itorero ryacu nicyo risobanuye. Itorero ryacu ni iki... turi hano. Turashaka ko muza, mukazana abo hanze, kandi ndimera ko bizaba byiza kuri twese. Murabona? Dufite inyubako, twishikiye. Twishimiye aha hantu, ho guteranira twese.

Gusa, "Nyamara Isumbabyose ntiba mu mazu yubatswe n'amaboko, murabona, Ijuru niryo ntebe yanjye isi niyo ntebe y'ibirenge byanjye muzanyubakira nzu ki? Ahubwo wanyiteguriye umubiri.

Kandi turi Umuburi wa Kirisito. Ubwo twimuka tuva ku inyubako tujya muyindi, ndizera ko tuzazana Ubutumwa bwacu kandi tuzaza kugira amateraniro yo gukizwa indwara. Ndetse nikindi cyose Uwiteka azaduhishurira gukora, tuzagikorera hano m'urusengero, kugeza aho bizaba bihebuje hanyuma bigasaba ko ubijyana ahandi hose, ndetse n'ahandi hose, kugeza Yesu agarutse. Imana ibahe umugisha.

22 [MweneData Pearry agira icyo avuga, hanyuma asaba MwendeData Branham kumuha ububasha. Agace gasibamye kuri bande — Ed.]

Reka twubike imitwe yacu.

Mukundwa Mana , nkuko duhagaze hano kuri runo rubaraza, nkuko bisobanye, neza hejuru yigicaniro hano, turabona ko turi—turi ubwoko bw'abantu buri gupfa nkuko turi kuri ini si. Iyo turebye kumihanda tubona icyaha cyanditse hose, kandi Ubwiza bw'Uwiteka buri kugenda bwihuta. Kandi tuzi ko igihe Ubwiza bw'Uwiteka buzamutse,Itorero rijyana nabwo. Mana turashaka kubayo.

Iminsi micye ishize, mpagaze hariya munguni y'umuhanda, hakurya neza y'umuhanda, ndeba akarasisi k'umuhanda, hanyuma mbona biriya bifaru by'intambara ya mbere y'isi biyoboye akarasisi, hanyuma haza igifaru kinini Sherman hanyuma bikomeza kugenda bikurikina, hakurikira abagore binyenyeri za zahabu,umuryango muto watandukanye, hamwe n'umugore urira, ndetse ninfubyi y'umuhungu wabuze se, ndetse n'umubyeyi wabuze umuhungu. Ndatekereza,‟mbega ukuntu bibabaje" guhagarara kumuhanda ukareba ibintu nkibi bihita Gusa nshishoje, igihe bahise kuri ino nyubako, indirimbo irahinduka baririmba ‟ Jya mbere basirikare ba kirisito". Inyuma bacurangaga ibijyanye n'akarasisi gusa bamaze gita hano hantu!

23 Mukundwa Mana, ndigitekereza ikindi gihe kiza kizaza, kandi kizaba ari umusuko,igihe abo mubihe byakera bazazuka mbere, abera, basogokuruza bakuru. "Kuko twebwe abazaba bakiriho tutazanabanziriza na hato abasinziriye impanda y'Imana izavuga, hanyuma abapfiriye muri Kristo bazabanza kuzuka. Hanyuma niba tubona ibikomeye... abantu bagenda bazamuka mubicu; kandi tuzaba duhagaze, turindiriye guhindurwa, tuzi neza ko natwe tuzahagarara k'umurongo. Imana itugire abasirikare bireza.

Abifatanyije byukuri ndetse banabaye mu ntambara bazamenya neza icyo bisobanuye. kubona biriya bifaru bicaho. Kandi Mana turatekereza kubabaye muntambara z'ubuzima bazamenya neza icyo bivuze, dutegereje igihe cyacu cyo gushyirwa mu myanya no mu byicaro , mu muzuko, kuzamurwa.

24 Murabona,muvandimwe wanjye muto, hagaze hano, watojwe neza, uriteguye, ategereje ko umuntu ukuze ngo amurambikeho ibiganza, hari uwavuye kurugerero hariya ku murongo imbere, nawe azi neza ko nawe agomba kujya mu ntambara. Mana mukundwa, ndambitse ibi biganza byanduye kuri MweneData, mucyimbo cy'ibyawe. Ha umugisha MweneData Green, mpaye umugisha mu Izina ry Yesu. Kugira ngo yambare ubu Butumwa, Uwiteka, muri uno mujyi ndetse nahandi uzamuhamagarira. Kugirango abe umwizerwa, yuzure Umwuka, abeho ubuzima budashyikirwa. Mana ,umwemerere gutsindira imitima y'abantu, kugirango abigishe , kandi abayobore kandi aberekeze munzira twese twifuza kunyuramo. Uwiteka, ubitwemerere.

Ha Umugisha umufasha we w'umwizerwa, abana be bato. Uhe umugisha umuhate wacu, nka ba kirisito hano ku isi, kugirango dukomeze ubu Butumwa bw'Imana kugera kumpera y'isi. Ohereza Umwuka wawe kuri we, Mana. Turasenze mu izina rya Yesu Kristo, tumugushyikiriza. Amena.

Imana iguhe umugisha MweneData Pearry. Ambara Ijambo ry'Imana!

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7